**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA /INTUMWA NKURU YA LETA KW'ISABUKURU YA 17 YA POLISI Y'IGIHUGU

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
- Ba Nyakubahwa Bayobozi mwatumiwe muri uyu muhango,
- Bayobozi ba Polisi y'Igihugu,
- Bapolisi murangije amahugurwa,
- Babyeyi, bavandimwe, batumirwa mwese muri hano,

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika munyemerere mbakire kandi mbashimire kuba mwitabiriye ubutumire bwacu mukatubera Umushyitsi Mukuru uyu munsi. Iki ni ikindi kimenyetso cy'agaciro muha inshingano za Polisi n'inkunga mudahwema kudutera.

Uyu munsi Nyakubahwa Perezida wa Repubulika turizihiza isabukuru ya 17 Polisi y'Igihugu igiyeho. Nk'uko bisanzwe uyu munsi wabanjirijwe n'ibikorwa bimaze kumenyekana nka "Police Week", aho abapolisi bunganira gahunda za Leta z'iterambere n'imibereho myiza y'abaturage. Mugihe cy'ukwezi ingufu nyinshi zashyizwe mu kugeza amashanyarazi y'imirasire y'izuba kubaturage batishoboye kandi bari kure y'umurongo usanzwe w'amashanyarazi. Ingo 3.400 n'ibigo nderabuzima 20 byahawe amashanyarazi. Ingo 600 zegerejwe amazi meza ndetse n'imiryango itishoboye 700 ihabwa ikarita z'ubwisungane mu buvuzi,

abandi bunganirwa mubikorwa by'isuku n'isukura hagamijwe gukumira indwara ziterwa n'umwanda. Abapolisi n'abaturage kandi basannye banahanga imihanda yo mu cyaro igera ku birometero 60. Turashimira za Minisiteri, ibigo n'abaturage twafatanyije muri ibi bikorwa byose. Uyu muco mwiza w'ubufatanye n'ubwuzuzanye n'abatugana nimwe mwawudutoje kandi n'ubu mukidutoza.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ibyo bikorwa bishimangira gahunda ya "community policing" imaze gushinga imizi mw'ikumira ry'ibyaha hirya no hino mu midugudu igize igihugu cyacu.

Munyemerere nshimire abakorerabushake bagize inzego za community policing baserukiwe hano, harimo "Police Ambassadors", abahanzi, abanyeshuri, abagize committes za community policing, abakora umurimo wo gutwara abantu n'ibintu n'abandi benshi, baba abari hano n'abasigaye mu mirimo yabo.

Kubera ubufatanye n'ubwitange bw'aba bantu Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, u Rwanda ruragendwa ijoro n'amanywa, abaturage baratozwa kwirinda ibyaha, abateshuka bakabyishoramo amategeko arubahirizwa, Uburenganzira bwo kwishyira ukizana, ubwo kwisanzura mu bitekerezo, bwo kugira ijambo no kwihitiramo burarindwa bukanubahirizwa.

Mu kanya gashize, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, dusoje amahugurwa yaba Ofisiye bato tubaha n'amapeti. Muri aya mahugurwa n'andi agenewe ibindi byiciro by'abapolisi, twubakira kunama mwaduhaye ubwo mwasuraga Polisi y'igihugu umwaka ushize, ko ubwiyongere bw'umubare w'abapolisi bugomba kujyana n'ubumenyi, ubushobozi, n'ubunyamwuga.

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

Uko iterambere ry'isi ryihuta, niko inshingano za polisi ziyongera harimo n'ibikorwa byo kubungabunga amahoro kw'isi, niko n'amahugurwa n'ibindi bikenewe bifasha abapolisi kurangiza inshingano byiyongera. Ntidushidikanya ku nkunga yanyu nk'uko byagenze mu bihe bindi twaciyemo.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, dukomeje inzira yo kubaka Polisi nk'Urwego rw'iyubahirizwa ry'amategeko (Law Enforcement Agency). Amavugururwa yemejwe ko akorwa muri Polisi y'igihugu hagashyirwaho Urwego rushinzwe Ubugenzacyaha, Urwego rushinzwe Inyigisho n'Amahugurwa n'Urwego rwa Polisi arakomeje. Amategeko ashyiraho izo nzego yatangajwe mu

Igazeti ya Leta, Amateka ashyira izo nzego mu bikorwa yarateguwe agiye gushyikirizwa izindi nzego mu nzira yo kuyemeza, uburyo n'ibikoresho byo gushyira izi nzego mu bikorwa byose byarangije kuganirwaho, twizeye tudashidikanya ko igihe cy'umwaka amategeko yateganyije kizarangira byarashyizwe mu buryo neza.

Nshoje iri jambo nongera kubashimira, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, uyu mwanya mwatugeneye. Mboneyeho kubasaba ko mutugezaho ijambo mwaduteganyirije.

Murakoze.